NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# AMABWIRIZA AJYANYE NO KWIYANDIKISHA GUKORA IBIZAMINI BYA LETA, MU MWAKA 2022-2023

## A. Igihe cyo kwandika abakandida

Kwandika abakandida bazakora ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2022-2023 ku byiciro byose bizatangira taliki ya 24/02/2023 bizarangire kuri 24/04/2023.

## B. Ni nde wemerewe kwiyandikisha nk'umukandida mu bizamini bya Leta, 2022-2023

Umukandida wandikwa gukora ikizamini cya Leta mu kiciro runaka agomba kuba ageze mu mwaka wa nyuma w'icyo kiciro mu gihe cyo kwiyandikisha, kandi yarize neza imyaka iwubanziriza. Ku mashuri yisumbuye hatangwa indangamanota z'imyaka 2 ibanziriza uwo arimo. By'umwihariko:

1. Umukandida ugeze mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza (P6) wemerewe kwiyandikisha agomba kuba yarize neza kuva mu mwaka wa mbere w'amshuri abanza kugeza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza nta mwaka numwe asimbutse.

2. Umukandida ugeze mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye (3) wemerewe kwiyandikisha agomba kuba yarize neza kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye kugeza mu mwaka wa gatatu w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye nta mwaka numwe asimbutse.

3. Umukandida ugeze mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye S6, Level 5 kuwize muri TVET, na level 3 ku wize muri TTC wemerewe kwiyandikisha mu ishami, agomba kuba yarize neza iryo shami kuva mu mwaka wa kane w'amashuri y'isumbuye kugeza mu mwaka wa gatandatu **atarahinduye cyangwa ngo asimbuke umwaka**. Agomba kugaragaza icyemezo cy'amanota y'ikizamini cy'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (S3 result-slip).

4. **Icyitonderwa:**
   Hari ibyavuguruwe muri SDMS bijyanye no kwiyandikisha:
   ***Amafaranga yo kwiyandikisha ku bakandida bo mu mashuri yisumbuye:*** Ayo mafaranga yajyaga asabwa (3,000frw) ntabwo azongera gusabwa abiyandikisha. Amashuri nayo agomba gufasha abanyeshuri bakifotoza cyangwa bagasikana (scanning) ibyangombwa byabo kuburyo butabasaba amafaranga y'umurengera.
   ***Guhitamo amashuri:***
   - Abakandida ba P6 bemerewe guhitamo amashuri ane (4) ya boarding aho ariho hose mu Gihugu n'andi abiri (2 day schools) ashobora kwigaho ataha. Kandi biba byiza iyo iryo hitamo ribanje kuganirwaho hagati y'umubyeyi n'umwana bafashijwe n'umwalimu.
   - Ku bakandida ba S3 nta cyahindutse kubyo bahitagamo umwaka ushize. Aba bakandida bagomba gufashwa n'abarimu babo ndetse n'ababyeyi guhitamo neza

amashuri n'amashami bazigamo muri S4 bishingiye ku masomo batsinda neza kurusha ayandi.

- Mbere yo kohereza lisiti y'abakandida bamaze kwandikwa (submitting list of registered condidates), umuyobozi w'ishuri abanza gusohora lisiti y'agateganyo y'abakandida banditswe, akareba ko bose banditse neza cyangwa ntabanditse kabiri. Iyo lisiti imaze koherezwa ntakindi gishobora gukosorwa ku mwana wamaze kwandikwa.
- Umukandida wese wakoze ikizamini k'igihembwe cya mbere agomba kwandikwa uko byagenda kose. Mu gihe abanyeshuri bose batanditse, ntabwo lisiti uyohereza ngo bikunde. Ntabwo hazongera kubaho imigereka.

## C. <u>Ibireba ubuyobozi bw'ishuri:</u>

1. Ubuyobozi bw'ishuri ni bwo bwandikisha abanyeshuri bazakora ibizamini bya Leta, haba mu mashuri abanza cyangwa ayisumbuye.

2. Kwandika abanyeshuri bazakora ibizamini bikorwa binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga gusa muri SDMS (online registration) kandi abakandida baba basanzwe banditse muri SDMS buri wese agashyiririrwaho ifoto ye ngufi.

3. Ubuyobozi bw'ishuri burasabwa rero kuzuza izo fishi zo mu ikoranabuhanga (online registration forms), ibisabwa byose bikuzuzwa mu buryo bukwiye, kandi bikoherezwa bimaze kugenzurwa neza.

4. Umwirondoro w'umukandida ugomba kuba wuzuye kandi ukandikwa mu buryo bukwiye butanyuranye n'ibigaragara mu gitabo k'irangamimerere. Muri rusange ku byiciro byose, hakenerwa ifoto, amazina y'umukandida, ay'ababyeyi, cyangwa ay'umurera igihe ababyeyi bitabye Imana, igihe yavukiye, nimero y'irangamuntu y'umwe mu babyeyi, aho batuye (akarere, umurenge, akagali n'umudugudu), nimero y'irangamuntu na telefoni by'umwe mu babyeyi cyangwa umurera.

5. Nomero umukandida azakoreraho ikizamini ihita itangwa na system ya SDMS. Igihe NESA imaze gukora "approval", buri shuri rihita risohora mu mashini amafishi y'abakandida bose (printing of registration forms) akabikwa neza kugira ngo buri mukandida azahabwe ifishi agiye gukora ikizamini cya leta.

6. Abakandida bahuje amazina yose bahabwa nimero zidakurikiranye bakanakangurirwa kuzifata mu mutwe kugira ngo bitazateza ibibazo mu gihe cyo kureba amanota yabo.

7. Mu guhitamo amashuri cyangwa amashami abakandida bazakora ikizamini cya Leta gisoza amashuri abanza cg icy'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye bazakomerezamo mu mashuri yisumbuye, yaba ayo bigamo bacumbika cyangwa aho biga bataha, hifashishwa lisiti

zatanzwe na NESA zigaragara kuri website ya www.nesa.gov.rw ndetse no kuri links zigaragara kuri "online registration form" bandikiraho abanyeshuri (www.sdms.gov.rw).

8. Abakozi ba NESA bashinzwe ubugenzuzi bw'amashuri mu Karere bafatanyije na ba DDE bazaba bashinzwe gukurikirana imigendekere myiza y'icyo gikorwa cya "online registration".

9. Abashinzwe uburezi ku mirenge (Sector Education Inspectors/SEIs) basabwe nabo gukurikirana umunsi ku wundi iki gikorwa, ndetse bakaka raporo buri shuri kugira ngo hatazagira umunyeshuri n'umwe usigara atanditse.

10. Amashuri ya TTC arasabwa gufasha abakandida bigenga bazakora muri TTC ku bijyanye n'amasomo ngiro kandi akazaborohereza mu gihe cyo gukora ibizamini bya Leta kuko ariho hateganyijwe ko bazabikorera.

11. Umukandida wigenga wemerewe kwiyandikisha muri TTC ni usubiramo ikizamini cya Leta gusa, ashaka kubona amanota yisumbuye kuyo yari yarabonye akora TTC bwa mbere.

12. Abakandida barangije S6 cyangwa L5 mu myaka yashize bakaba bifuza kuzamura urwego rw'imitsindire yabo, bemerewe kwiyandikisha nk'abakandida bigenga.

**Icyitonderwa:**

Muri SDMS harimo ibyiciro bitandukanye by'ubumuga ndetse n'ubufasha bwakenerwa kuri buri kiciro. Mu gihe cyo kwandika abanyeshuri bafite ubumuga hagomba kugaragazwa ubufasha bazakenera mu kizamini cya Leta ndetse no mu gihe cyo guhabwa umwanya muri S1 na S4.

Bikorewe i Kigali ku wa 23/02/2023

**Dr. BAHATI Bernard**
**Umuyobozi Mukuru**

## 2022/2023 - National Examination registration process - PRIMARY 6

### Enrollment
**Student**

1. Student must be registered in SDMS
2. Student must be enrolled into primary 6.
3. Student and parent information should be accurate and complete.
4. Student must have a passport picture

### Registration
**Head Teacher**

1. Head Teacher should initiate the national registration at his school
2. Head Teacher should register all P6 students.

### School Choice
**Student**

**1st Choice:** Two boarding secondary school of his/her choice.
**2nd Choice:** Two boarding secondary school of his/her choice.
**3rd Choice:** Two day-schools in the vicinity of his/her residence

### SMS Notification

Mubyeyi, UWINEZA DIANE amaze gususha/registration muri P6. Yatoranyije ibi bigo:
1. ES BUMBOGO, E.S GIKONKO
2. COLLEGE STE MARIE KIBUYE, APAPEDUC BUN
Kubindi bisobanuro mwasura urubuga https://sdms.gov.rw

### Submit
**Head Teacher** → **NESA**

1. Head Teacher t0 validate the registration
2. Head teacher to submit the registered candidates through SDMS to NESA for Approval.

## 2022/2023 - National Examination registration process - Senior 3

### Enrollment
**Student**

1. Student must be registered in SDMS
2. Student must be enrolled into senior 3.
3. Student and parent information should be accurate and complete.
4. Student must have a passport picture

### Registration
**Head Teacher**

1. Head Teacher must initiate the national registration at his school.
2. Head Teacher must register all S3 students.

### School Choice & Required documents
**Student**

**1st Choice:** Two boarding secondary school (GE/TVET) of his/her choice.
**2nd Choice:** Two boarding secondary school (GE/TVET) of his/her choice.
**3rd Choice:** Two day-schools in the vicinity of his/her residence

**Required documents**
1. Senior 1 School report
2. Senior 2 school report

### SMS Notification

Mubyeyi,UWASE ALINE amaze gususha/registration muri S3. Yatoranyije ibi bigo:
1. GROUPE OFFICIEL DE BUTARE
2.TTC SAVE
Kubindi bisobanuro mwasura urubuga https://sdms.gov.rw

### Submit
**Head Teacher** → **NESA**

1. Head Teacher t0 validate the registration
2. Head teacher to submit the registered candidates through SDMS to NESA for Approval.

## 2022/2023 - National Examination registration process - School Candidates - S6/L5/Y3

### Enrollment
**Student**

1. Student must be registered in SDMS.
2. Student must be enrolled into S6/L5/Y3.
3. Student should have a national ID recorded in SDMS.
4. Student must have a passport picture.

### ID Verification
**Head Teacher**

1. The ID to be verified by NIDA
2. NIDA information will be updated in SDMS.
3. Student will be allowed to register to National Examination\
4. All S6/L5/Y3 should be registered

### Registration & Required documents
**Head Teacher**

1. Head Teacher must initiate the national registration at his/her school.
2. Head Teacher should register all A6/L5/Y3 students.

**Required documents**
1. S3 Result slip
1. S4/L3/Y1 School report
2. S5/L4/Y2 School report

### Submit
**Head Teacher** → **NESA**

1. Head Teacher t0 validate the registration
2. Head teacher to submit the registered candidates through SDMS to NESA for Approval.

## 2022/2023 - National Examination registration process - Private Candidates - S6/L5

### Required Documents
**Candidate**

1. Candidate must have a National ID
2. Candidate must provide copies of document certifying the level of previous studies.
3. Candidate must provide a valid phone number and email address.
4. Candidate must have a passport picture.

### Registration
**Candidate**

Private candidate register him/herself in SDMS through https://sdms.gov.rw

### Submit & Payment
**Candidate** → **NESA**

Upon submission, a bill ID will be generated from IREMBO and the payment information will be sent to the filled phone number and the same info is updated in SDMS

Online Payment can be done through Mobile money or bank